

## Individual Responsibility Plan (Gahunda y'Inshingano z'Umuntu ku giti cye, IRP)

UMWIRONDORO WA JAS	NOMERO YA DOSIYE
UMWIRONDORO W'UFASHWA	

Gahunda y'Inshingano z'Umuntu ku giti cye muri WorkFirst \_\_\_\_\_

Nsobanukiwe ko:

- Ndasabwa gukora, gushaka akazi, cyangwa kwitegura akazi.
- Ngomba kwitabira ibikorwa bisabwa. Nintitabira, nzahabwa igihano keretse nimbasha guhamya ko nari mfite impamvu ifatika. Ibi byitwa kuba mu cyiciro cy'ibihano bya WorkFirst.
  - Iyo nahanwe, ibi bivuze ko:
    - Inkunga yanjye izagabanywa ku kigero cya 40% cyangwa umugabane w'umuntu umwe, uwo ari wo wose usumba indi, CYANGWA:
    - Sinzabasha guhabwa serivisi nyunganizi, keretse ninongera gukorana na WorkFirst.
  - Ubufasha bwanjye bw'amafaranga nibugabanywa kubera igihano cya WorkFirst:
    - Nshobora gukenera gukurikira IRP yanjye mu byumweru bine bikurikiranye kugira ngo ndangize igihano.
    - Iyo nkoze ibisabwa mu byumweru bine bikurikiranye, igihano cyanjye kirarangira kuva ku ya mbere y'ukwezi gukurikira ibyumweru byanjye bine byo kwitabira.
    - Dosiye yanjye ishobora guhagarikwa mbaye ngumye mu gihano mu mezi icumi akurikiranye.
  - Dosiye yanjye nihagarikwa bitewe n'igihano cya WorkFirst:
    - Bizansaba kongera gusaba kandi nshobora gukenera kwitabira mu byumweru bine bikurikiranye mbere y'uko mpabwa amafaranga.
- Ngomba gukorana na Division of Child Support (Ishami rishinzwe Ubufasha bw'Abana) mu gihe mpabwa ibigenwa na TANF/SFA keretse mbaye mfite impamvu ifatika ituma tudakorana. Kugera ku ntego yo gukusanya inkunga y'abana bishobora kumfasha gukuraho icyifuzo cyanjye cyo guhabwa ubufasha bw'amafaranga.
- Nshobora guhabwa amezi 60 gusa y'amafaranga agenwa na TANF/SFA mu gihe ndiho keretse mbaye nujuje ibisabwa kugira ngo icyo gihe cyongerwe.
- Nakoresheje \_\_\_\_\_ amafaranga agenwa mu mezi.
- Ndasabwa gukora, gushaka akazi, cyangwa kwitegura akazi. Nintabasha kwitabira igikorwa cyateganyijwe, nzahamagara umuntu kuri numero iri muni.
- Ngomba gukora ibikorwa bikurikira mu gihe cya buri cyumweru cyagaragajwe muni:

Nihaba impamvu ifatika ituma ntashobora kubahiriza gahunda yanjye, ngomba kuvugana kandi nkakorana n'Inzobere/Umukozi ushinze imibereho banjye bo muri WorkFirst vuba bishoboka. Zimwe mu ngero z'impamvu zifatika zikubiyemo:

- Nabuze randevu bitewe n'uburwayi cyangwa kubura ubuvuzi bw'umwana wanjye bitunguranye cyangwa ikibazo cy'ubwikorezi;
- Mfite ikibazo gisaba ubutabazi bwihutirwa (ku mubiri, mu mutwe, cyangwa amarangamutima);
- Nakorewe ihohoterwa ryo mu muryango;
- Sinshobora kubona ubuvuzi bw'abana buhendutse, buboneye aho ntuye ku bana bari muni y'imyaka 13;
- Mfite ikibazo cy'ako kanya cyo mu rwego rw'amategeko;
- Mfite ubumuga cyangwa uburwayi runaka kandi ibi byambujije kubahiriza ibisabwa na porogaramu; cyangwa
- Ndi umuntu ukuze ufite ubumuga bukomeye kandi bwa karande;
- Nkenewe mu rugo kugira ngo nite ku mwana ufite ibyo akeneye byihariye cyangwa undi muntu ukuze ufite ubumuga;
- Mfite imyaka 55 cyangwa ndayirengeje kandi nita ku mwana ntabereye umubyeyi; cyangwa
- Ndasaba SSI n'umwunganizi wa DSHS.
- Singira inzu yo kubamo cyangwa nita ku mwana/abana batagira inzu zo kubamo.

Nintemeranya n'iyi gahunda, mfite uburenganzira bwo gusaba isuzumwa rya dosiye n'cyangwa Urubanza rwo mu rwego rw'Ubuyobozi. Mu gusaba urubanza, ngomba kuvugana na Community Services Office (Ibiro bishinzwe Serivisi z'Abaturage) cyangwa Office of Administrative Hearings (Ibiro by'Imanza zo mu rwego mbonezabutegets, DSHS), PO BOX 42489, Olympia WA 98504-2489, mu minsi 90 uhareye ku itariki umuyobozi ushinze dosiye yanjye yashyiriyemo umukono muni. Nahawe kopi ya Individual Responsibility Plan (Gahunda y'Inshingano z'Umuntu ku giti cye) yanjye. Mu rubanza, mfite uburenganzira bwo kuhibera, guhagararirwa n'umunyamategeko cyangwa undi muntu nahisemo. Nshobora guhabwa inama mu mategeko ku buntu cyangwa nkahagararirwa igihe mvuganye na Coordinated Legal

Education Advice and Referral (Urwego Rwahujwe rushinzwe Uburezi no gutanga Inama mu Mategeko no Kohereza abantu aho babonera ubufasha bakeneye, CLEAR) binyuze mu:			
<ul style="list-style-type: none"> <li>Gusura urubuga rwabo rwa <a href="http://nwjustice.org/get-legal-help">http://nwjustice.org/get-legal-help</a>;</li> <li>Guhamagara 1-888-201-1014 niba mfite muni y'imyaka 60, cyangwa</li> <li>Guhamagara 1-888-387-7111 niba mfite imyaka 60 cyangwa nyirengeje.</li> </ul>			
UMUKONO W'UMUYOBOZI USHINZWE DOSIYE	ITARIKI	UMUKONO WANJYE	ITARIKI
UMWIRONDORO WA JAS	NOMERO YA DOSIYE	UMWIRONDORO W'UFASHWA	
<b>IBISABWA BIGIRWA IBANGA</b>			
<p>Nshobora guhabwa serivisi nyunganizi zo kumfasha gukura mu kazi kanjye, kugumana akazi kanjye, kwemera akazi, gushaka akazi, cyangwa gukurikiza gahunda yanjye. Nintemeranya n'iyi gahunda, mfite uburenganzira bwo gusaba isuzumwa rya dosiye n'/cyangwa Urubanza rwo mu rwego rw'Ubuyobozi. Nzabaza Inzobere/Umukozi ushinze imibereho banjye bo muri WorkFirst niba nkeneye serivisi nyunganizi nka:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>Gusana imodoka</li> <li>Ibibindo by'abana</li> <li>Uruhushya/Amafaranga</li> <li>Intera y'urugendo</li> <li>Imyambaro</li> <li>Amafaranga yo gukoresha mu burezi</li> <li>Kwiyo goshesha</li> <li>Ibikoresho by'umurimo</li> <li>Ubujyanama</li> <li>Isuku bwite</li> <li>Uruhushya rwa bisi rwo gukora ingendo</li> <li>Kuboneza urubyaro</li> </ul> <p>Mu gihe ndi mu gihano, sinshobora guhabwa serivisi nyunganizi (nk'amafaranga yo kugura imyambaro y'akazi cyangwa y'urugendo) kugeza ntangiye gukurikira IRP yanjye.</p> <p>Nsobanukiwe ko, ninanga gukorana Division of Child Support (n'Icyiciro cy'Ubufasha bw'Abana) (DCS) nta mpamvu ifatika, inkunga yanjye ishobora kugabanywa. Impamvu zifatika zirimo icyagirira nabi abana banjye cyangwa nje. Nsobanukiwe ko igihe mpabwa ubufasha bwa TANF, ubufasha ubwo ari bwo bwose bw'umwana bwakusanyijwe bubikirwa kwishyura ideni rya leta.</p> <p>Nimpagarika guhabwa TANF/SFA, DCS izakusanya ubufasha bw'umwana maze ibunyohereze keretse nimbasaba kubuhagarika. Nsobanukiwe serivisi nyunganizi, ibihano, n'ubufasha buhabwa umwana.</p>			
UMUKONO W'UMUYOBOZI USHINZWE DOSIYE	ITARIKI	UMUKONO WANJYE	ITARIKI